**INYANDIKO IMENYEKANISHA AMAKURU Y'INGENZI YA KONTI**

*AYA SI AMASEZERANO*

**Ushobora gukoresha iyi nyandiko imenyekanisha amakuru y'ingenzi ugereranya iyi konti n'izindi bisa yatanzwe n'ibindi bigo by'imari nka banki, ibigo by'imari iciriritse, koperative cyangwa ibigo bitanga amafaraga hifashishijwe ikoranabuhanga. Ufite uburenganzira bwo kwakira iyo nyandiko iturutse mu bindi bigo by'imari zirebana na konti zabyo.**

**Ikigo cy'Imari**: **Access Bank (Rwanda) Plc** **Ubwoko bwa Konti**: ........................

**Itariki**: **…………………..** **Ubwoko bw'ifaranga**: …………..

| **GUFUNGURA NO GUCUNGA KONTI** | | **ESE UZABONA INYUNGU KURI IYI KONTI ?** [Yego/Oya] | |
|---|---|---|---|
| **Amafaranga wishyura mu gufunguza konti** | Ntayo | **Ijanisha ry'inyungu ku mwaka** | ➢ Konti isanzwe : **Oya**<br>➢ Konti y'ubwizigame : **Yego 4%-6%**<br>➢ Konti y'ubwizigame bw'igihekirekire **: Hagati ya 2.5%-8% ariko bishobora guhinduka ku bwumvika ne.** |
| **Amafaranga y'ibanze ubitsa iyo ufungura konti** | Ntayo | **Ubwoko bw'ijanisha** | Budahinduka |
| **Amafaranga akatwa buri kwezi kuri konti isanzwe** | **Umuntu** / **Ikigo**:<br>Frw 1,000 (Ku kwezi) / Frw 3,000 (Ku kwezi)<br>USD 1 (Ku kwezi) / USD 3 (Ku kwezi)<br>GBP 1 (Ku kwezi) / GBP 3 (Ku kwezi) | **Ni amafaranga angahe y'inyungu uzakira?** | ……………Biterwa n'ubwoko bwa konti. |

| | EURO 1 (Ku kwezi) | EURO 3 (Ku kwezi) | | |
|---|---|---|---|---|
| **Amafaranga make agomba kuba kuri konti buri munsi** | Ntayo | | **Ingaruka zo kubikuza ubwizigame mbere y'igihe.** | 2% ubariye ku gihe ubwizigamire busigaje. |

| **SERIVISI ZIJYANYE NA KONTI** | |
|---|---|
| **Serivisi zitangwa n'amafaranga zishyurwa** | |
| **Kubitsa** – iyi serivisi iraboneka | **Ushobora kubitsa amafaranga cyangwa gutanga sheki binyuze**:<br><br>Mu mashami yacu:<br>• Amanyarwanda: **Nta kiguzi**<br>• Amadolari: **Iyo abitswa arengeje USD 10,000: Ikiguzi ni 0.5% by'ayarengaho ku munsi**<br>• Andi madovize**: Nta kiguzi**<br><br>Ku ba ajenti bacu:<br>• **Nta kiguzi** |
| **Kubikuza amafaranga** - Birakorwa | <u>**Ushobora kubikuza ukoresheje uburyo bukurikira:**</u><br>1. **kujya ku mashami yacu:**<br>➢ **Frw 1,000** iyo amafaranga ubikuza angana n'ashoboka kubikuzwa kuri ATM.<br>➢ Nta kiguzi iyo ubikuza arenze cyangwa angana na **Frw 300,000**<br>➢ Kubikuza nta sheki: **Frw 2,500**<br>➢ Kubikuza bikurikiye kwakira amadovize kuri konti yawe**: 1% ry'ayo ubikuje**<br><br>2. Gukoresha ATM zacu: **Frw 200**<br>3. Gukoresha ATM z'ikindi kigo: **Frw400**<br>4. Gukoresha ikarita ya konti y'amadolari kuri ATM zacu**: 1$**<br>5. Gukoresha ikarita ya konti y'amadolari kuri ATM z'ikindi kigo: 1.18$ |

| | |
|---|---|
| **Ihererekanya ry'amafaranga imbere mu gihugu** – Rirakorwa | **Kohereza amafaranga (Ku muntu umwe):**<br><br>➢ Kohereza amafaranga hagati y'abakiliya ba Access Bank**:** Nta kiguzi<br>➢ Kohereza amafaranga mu bindi bigo by'imari**:** Frw 2,000; angana na USD 15 ku madevize.<br><br>**Kohereza amafaranga (Ku bantu benshi):**<br><br>Abantu **2-20**: Ikiguzi ni **Frw 3,500**<br><br>Abantu **21-40: I**kiguzi ni **Frw 4,500**<br><br>Abantu **41-60: I**kiguzi ni **Frw 5,500**<br><br>Abantu **61-80: I**kiguzi ni **Frw 6,500**<br><br>**Abantu barenga 81-100: I**kiguzi ni **Frw 7,500**<br><br>**Abantu barenga 101: I**kiguzi ni **Frw 10,000** |

| | |
|---|---|
| | Kwakira amafaranga:<br>• Amanyarwanda**: Nta kiguzi**<br>• Amadovize**: USD 10** |
| **Ikarita**<br><br>**yo kubikuza / Ikarita ya ATM** – Irahari | Ikarita ya ATM : **Frw 7,000 na USD 8.46**<br>Gusimbura ikarita yo kubikuza /Ikarita ya ATM: **Frw 7,000**<br>Guhabwa undi mubare w'ibanga **Frw 6,000 na USD 5**<br>Ikiguzi cyo gukoresha ikarita cyishyurwa buri mwaka**: Frw 8,000 cyangwa USD 10**<br>Kubaza amafaranga ari kuri konti ukoresheje ikarita ya ATM: **Nta kiguzi.**<br>Kubaza amafaranga ari kuri konti ukoresheje ATM y'ibindi bigo: **Nta kiguzi** |
| **Sheki**–<br>Iraboneka | Agatabo ka sheki:<br><br>Sheki y'umuntu ku giti cye: **Frw 3,500** Impapuro 24)<br>**Frw 7,000** (Impapuro 48)<br><br>Sheki yagenewe ibigo: **Frw 7,000** (impapuro 24)<br>**Frw 15,000 (**impapuro 48)<br><br>Sheki yihuta (Express cheque): **Uyisaba yishyura Frw 5,000 yiyongera ku biciro bya sheki bisanzwe.** |
| **Serivisi za banki zikorerwa kuri internet - ACCESSPAY**<br><br>Zirahari | Amafaranga atangwa buri gihe runaka:<br>• Buri kwezi: **Frw 2,000** (Ku bigo)<br>• Buri kwezi **Frw 1,500** (Ku muntu ku giti cye)<br><br>Kwishyura imisoro: **Nta kiguzi**<br>• **Frw 500+VAT/Doc ID (Ku bafite konti muri banki bagiye kuri guichet)**<br>• **Frw 1000+VAT/Doc ID (Ku badafite konti muri banki baje kuri guichet)**<br><br>Igiciro cya TOKEN**: Frw 10,000 yishurwa rimwe ugura token.** |

| | |
|---|---|
| **Serivisi za banki zitangirwa kuri telefoni-** zirahari | • Amafaranga atangwa buri gihe runaka: **Ntayo**<br>• Kugura (Ikarita ya telefoni, Umuriro): **Nta kiguzi**<br>• Kwishyura imisoro hifashishijwe ikoranabuhanga: **Frw 200**<br>• Kureba asigaye kuri konti: **Frw 50**<br>• Kumenyeshwa mu butumwa bugufi: **Frw 16**<br>• Kohereza amafaranga kuri konti za Access Bank: **Nta kiguzi**<br>• Kohereza amafaranga kuri konti y'undi muri Access Bank: **Frw 200**<br>• Kohereza amafaranga mu bindi bigo by'imari: **Frw 600**<br>• Kohereza amafaranga kuri mobile money: **2%y'amafaranga yoherejwe. (Atarenga 1000 Frw)**<br>• Incamake y'ibikorwa bya konti: **Frw100**<br>• Gusaba agatabo ka sheki: **Nta kiguzi**<br>• Guhagarika sheki/ikarita: **Frw 100**<br>• Guhindura ibyo ukoresha ikarita: **Frw 100**<br>• Kumenya impuzandengo y'ivunjisha ry'amadevize**: Nta kiguzi**<br><br>Amafaranga ntarengwa ahererekanywa ku munsi: **Frw 1, 500,000** |

| | |
|---|---|
| **Gutanga uburenganzira (bwo kwishyura buhoraho) -** Birahari | Gutanga uburenganzira bwo kwishyura buhoraho: **Frw 2,000** |
| **Ihererekanya ry'amafaranga mpuzamahanga -** Rirahari | -Kohereza amafaranga: **0,5 % [Amake] ni USD 12+Frw 10.000 ku kiguzi cya SWIFT** |
| | Kwakira amafaranga: **0,35% [Amake] ni USD 10, Amenshi ni USD 200+Frw 10,000** |

| | |
|---|---|
| **Inguzanyo y'igihe gito** – Irahari. | Ntushobora **kwiguriza kuri konti yo kuzigama**. Uzacibwa amafaranga nugerageza kubikuza amafaranga atari kuri konti yawe. Ni byiza kubaza ikigo cy'imari kugira ngo kiguhe andi makuru.<br><br>Ushobora **gufata inguzanyo y'igihe gito kuri konti isanzwe** mu gihe ikigo cy'imari kibyemera, biramutse bibayeho uzacibwa amafaranga akurikira.<br><br>Ikiguzi cyo gutanga iyo nguzanyo: **Ntacyo**<br>Igihano ku bukererwe mu kwishyura: **8%**<br>Inyungu ku nguzanyo y'igihe gito: **15+**<br><br>**Andi mafaranga:**<br><br>**Gucunga inguzanyo:** Nk'uko biteganywa n'itegeko ry'inguzanyo ya banki<br><br>**Kwiga no gutunganya dosiye:** Nk'uko biteganywa n'itegeko ry'inguzanyo ya banki<br><br>**Kugenzura Inguzanyo:** Nk'uko biteganywa n'itegeko ry'inguzanyo ya banki |
| **Izindi serivisi zitangwa n'ikiguzi gisabwa** | |
| **Inyandiko zigaragaza imiterere ya konti** | Urupapuro rugaragaza ibyakorewe kuri konti**: *Frw 1,000 kuri paji ya mbere na Frw 250 kuri buri ipaji ikurikiraho.*** |
| | Inyandiko z'ikoranabuhanga zigaragaza ibyakorewe kuri konti: **Nta kiguzi**<br>**Imikoreshereze ya visa: Frw 5000** |

| | |
|---|---|
| **Izindi serivisi zidashingiye ku byakozwe.** | Icyemezo cy'amafaranga ufiteho ku mpamvu z'ubugenzuzi: **Frw 40,000**<br><br>Kugarurirwa inyandiko: **Frw 5,000**<br><br>Ibaruwa igutangira ubuhamya**: Frw 20,000**<br><br>Icyemezo cy'uko nta mwenda ufite (icyemezo cy'uko nta nguzanyo ufite): **Frw 20,000**<br><br>Icyemezo cy'uko nta mwenda ufite: **Frw 60,000**<br><br>Ibindi byemezo: **Frw 20,000**<br><br>Icyemezo cya banki: **Frw 20,000** |

***Icyitonderwa: Ushobora gucibwa andi mafaranga nk'ikiguzi cyo kureka kwishyura serivisi z'ibyakozwe zavuzwe haruguru. Amafaranga asabwa na Leta na yo ushobora kuyacibwa. Ni byiza kubaza ikigo cy'imari kugira ngo kiguhe andi makuru***

| **Ese ihererekanya ry'amafaranga mu Rwanda rifata igihe kingana iki?** | |
|---|---|
| **Niba wohereje amafaranga, uwo Wayohererejwe azayakira nyuma y'igihe kingana iki?** | • Niba amafaranga yoherejwe kuri konti iri muri iki kigo: **Ako kanya.**<br>• Niba amafaranga yoherejwe kuri konti iri mu kindi kigo: **Mu masaha 24 mu Rwanda n'amasaha 48 mu mahanga.** |
| **Kwakira amafaranga yoherejwe kuri konti yawe bifata igihe kingana iki?** | • Niba yoherejwe avuye kuri konti iri muri iki kigo: **Ako kanya.**<br>• Niba yoherejwe avuye kuri konti itari muri iki kigo: **Mu masaha 24 mu Rwanda n'amasaha 48 mu mahanga.** |

**Andi makuru ya ngombwa ukwiriye kumenya**

- **Ibisabwa mu gutanga umwirondoro:** Mu gufungura konti uzakenera kuzuza ibisabwa byose mu kuzuza umwirondoro w'umukiliya. Ibi hashobora kubamo gutanga inyandiko n'amakuru byafasha mu kugenzura umwirondoro wawe. Ni byiza kubaza ikigo cy'imari kugira ngo kiguhe andi makuru.

- **Kwishyura amafaranga ya komisiyo:** Amafaranga ya komisiyo agaragazwa mu nyandiko imenyekanisha amakuru y'ingenzi azahora akurwa kuri konti yawe, ariko uburyo butandukanye bwo kwishyura bushobora gukoreshwa ku mafaranga ya komisiyo amwe n'amwe. Ni byiza kubaza ikigo cy'imari kugira ngo kiguhe andi makuru.

- **Impinduka mu mafaranga ya komisiyo:** Amafaranga ya komisiyo yagaragajwe mu nyandiko imenyekanisha amakuru y'ingenzi ashobora guhinduka mu gihe runaka nyuma y'uko ufunguye iyi konti kandi andi mafaranga mashya ya komisiyo na yo ashobora gushyirwaho.

- **VAT:** amafaranga yose ya komisiyo agomba kuba akubiyemo umusoro ku nyongeragaciro (VAT).

- **Gufunga konti**: Gufunga konti yawe uzasabwa kwishyura amafaranga ya komisiyo, kuri ubu ni **Frw 12,000 (Ubariyemo na VAT), USD 12 (Konti y'Amadolari), EURO 10 (Konti y'Amayero) GBP 10 (Konti y'Amapawundi)**. Ugomba no kumenya ko ibyari birimo gukorwa bishobora kugirwaho ingaruka mu gihe ufunze konti, hakaba hatangwa urugero rwa sheki zitarishyurwa, impapuro mvunjwafaranga zitarishyurwa n'amafaranga ya komisiyo atarishyurwa. Ni byiza kubaza ikigo cy'imari kikaguha ibindi bisobanuro.

- **Iyo udakoresheje konti yawe mu gihe cy'amezi 6**: Iyo udakoresheje konti yawe mu mezi atandatu ifatwa nk'idakora icyo gihe uzakenera kongera kuyifungura (ibi bikaba bishobora gukorwa nta kiguzi) mbere y'uko wongera kuyikoresha. Niba konti yawe utayikoresheje mu gihe kingana n'imyaka itanu amafaranga ayiriho azafatwa nk'umutungo wasizwe na nyirawo icyo gihe azoherezwa muri Banki Nkuru y'u Rwanda.

- **Ubwishingizi ku bwizigame:** Iyi konti iba yishingiwe kugera ku Frw 500.000 (muri rusange n'andi mafaranga wabikije mu kigo cy'imari) binyuze mu Kigega cy'Ubwishingizi bw'Amafaranga yabikijwe. Ni byiza kubaza ikigo cy'imari kikaguha ibindi bisobanuro.

Ese waba ufite ibibazo cyangwa ibyo utishimira ku kigo cyawe? Hamagara +250788145300, email rwandacontactcenter@accessbankplc.com, https://voc.accessbankplc.com:8005/voc/feedback cyangwa ukohereza ibaruwa y'ubusabe bwawe cyangwa ikibazo cy'ibyo utishimiye ufite ku Muyobozi Mukuru wa Access Bank Rwanda Ltd, iherereye mu Igorofa rya Gatatu riri mu Nyubako ya KIC.

**Waba utishimiye uburyo ikigo cyakemuye ikibazo cyawe?**

Ushobora kwiyambaza Ibiro by'Urwego rw'Umuvunyi Mukuru kugira ngo bigufashe kugukemurira ikibazo kuri **nimero ya telefoni 199** [ihamagarwa nta kiguzi] cyangwa [**email : ombudsinfo@ombudsman.gov.rw ]** cyangwa ugakoresha [**AGASANDUKU K'IPOSITA P.O Box 9269- Kigali]** cyangwa ugasura **www.ombudsman.gov.rw** ].

NDEMERA KO NAKIRIYE IYI NYANDIKO:

__________________________

*Izina ry'umukiliya n'umukono:*

Itariki :……………………..

__________________________